REPUBULIKA Y'U RWANDA

Musanze, ku wa 10/06/2020
Nº ...../NIC/VP/2020
332

KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'ITORERO
www.nic.gov.rw

- Nyakubahwa Uhagarariye u Rwanda mu Mahanga (bose)
- Madamu/ Bwana Umuyobozi w'Akarere (bose)

Impamvu: Kubamenyesha isubikwa ry'Itorero Indangamirwa 13/2020 ryari riteganyijwe ku matariki 30/06-08/8/2020

Madamu/Bwana Muyobozi,

Nibukije itangazo ryo kuwa 02 Werurwe 2020, Komisiyo y'Igihugu y'Itorero (NIC) yabagejejeho ibamenyesha ibyiciro by'abatumirwaga kwitabira Itorero Indangamirwa 13/2020 ryari riteganyijwe ku matariki 30/06-08/8/2020;

Maze kubona ko muri aya mezi mu Rwanda, kimwe no mu Mahanga muri rusange, hateye icyorezo cya **coronavirusi (COVID-19)** tugomba gukumira no kurwanya mu buryo bwose, dushingiye ku iyubahirizwa ry'amabwiriza mpuzamahanga n'aya Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe, yo muri urwo rwego;

Komisiyo y'Igihugu y'Itorero irabamenyesha ko **Itorero Indangamirwa 13/2020 ryari riteganyijwe muri uyu mwaka wa 2020 risubitswe; nkaba nabasabaga ko mwabimenyesha abari mu byiciro mwari mwateguje kuzaryitabira.**

Nongeye kubashimira ubufatanye bwanyu mu gutoza Abanyarwanda umuco w'Ubutore.

Mugire amahoro.

Désiré MIGAMBI
Lt Col
Visi Perezida wa NIC

Bimenyeshejwe:
- Madamu Minisitiri muri Perezidansi ya Repubulika
- Bwana Minisitiri w'Ingabo, Umuyobozi wa *"Steering Committee" y'Itorero Indangamirwa.*
- Bwana Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane
- Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu
- Madamu Minisitiri w'Urubyiruko n'Umuco
- Madamu Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo
- Madamu Minisitiri w'Uburezi
- Madamu/Bwana ugize Inama y'Abakomiseri-NIC